He invites and presides over the General Assembly meeting and Board of Directors meeting.

In case of his absence or unforeseen difficulty, he will be replaced by the Deputy

INGINGO YA 15 :

Inteko rusange ifata ibyemezo ku bwiganze bw'amajwi. Ariko icyemezo cyo guhindura sitati no kwirukana umunyamuryango, gifatwa ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango.

INGINGO YA 16 :

Inama y'ubutegetsi igizwe n'abantu 7: Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga mukuru, Umubitsi n' abajyanama 3.

INGINGO YA 17 :

Inama y'ubutegetsi itorwa n'inteko rusange ikagira manda y'imyaka 3. Ishobora kongerwa rimwe gusa. Inama isanzwe iterana 1 mu kwezi naho idasanzwe iterana igihe cyose bibaye ngombwa.

INGINGO YA 18 :

Perezida ashinzwe iyubahirizwa rya Sitati n'ishirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inteko Rusange.

Ahagararira ishyirahamwe mu butegetsi, mu baterankunga no mu nkiko.

Atumiza akanayobora inama y'Inteko Rusange n'Inama y'Ubutegetsi.

Igihe atabonetse, imirimo ye ikorwa na Visi Perezida .

Les compétences du conseil d'administration sont :

- Exécuter les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale,
- Elaborer des modifications aux statuts et aux règlements d'ordre intérieur,
- Proposer les projets de budget annuel de l'association,
- Assurer la gestion journalière du patrimoine de l'association,
- Préparer et diriger les séances de l'assemblée générale,
- Recruter et nommer le personnel de différents services de l'association
- Préparer et Présenter les rapports annuels d'activité à l'Assemblée Générale

ARTICLE 19 :

Les retraits de fonds effectués sur les comptes de l'Association sont revêtus de la signature du Président et du Trésorier
En cas d'empêchement de l'un des deux, il est remplacé par le Vice-Président.

ARTICLE 20 :

Le Conseil de surveillance est élu par l'Assemblée Générale pour un mandat de 3 ans renouvelables une fois. Il se réunit ordinairement une fois par mois, et en session extraordinaire autant de fois que de besoin.

Legal Representative.

The Board of Directors has the following powers:

- To implement the decisions and recommendations of the General Assembly,
- To elaborate the amendments to the constitution and the internal regulation,
- To Propose the draft of the annual budget,
- To insure of the daily management of the property of the association,
- To prepare and preside over the meetings of the General Assembly,
- To recruit , to appoint the staf of the association,
- Develop and present the annual activity report to the General Assembly,

ARTICLE 19 :

The withdrawals of funds carried out on the accounts of the association require the signature of the chairman and the treasurer.
In case of absence of one of them or unforeseen difficulty, he will be replaced by the Deputy Legal Representative.

ARTICLE 20 :

The Board of Trustees is elected by the General Assembly; it has a mandate of 3 years that can be renewed once. The Board of trustees meets once a year in its ordinary

Inama y'ubutegetsi ifite ububasha bwo gukora ibikorwa bikurikira:

- Gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange,
- Gutegura impinduka zishobora gukorwa kuri sitati n'amategeko ngenga mikorere,
- Kugeza ku Nteko Rusange, bije y'ishyirahamwe,
- Gucunga umutungo w'ishyirahamwe,
- Gutegura no kuyobora inama z'Inteko Rusange,
- Gutanga akazi cyangwa kwemeza abakozi b'ishyirahamwe,
- Gutegura raporo y'ibikorwa by'umwaka no kuyigeza ku Nteko Rusange.

INGINGO YA 19 :

Kubikuza amafaranga kuri kontiy`ishyirahamwe bigomba umukono wa Perezida n`umubitsi. Igihe umwe muri abo atabonetse, asimburwa na Visi Perezida

INGINGO YA 20 :

Komite ngenzuzi itorwa n'inteko rusange ikagira manda y'imyaka 3. Ishobora kongerwa rimwe gusa. Inama isanzwe iterana 1 mu kwezi naho

Il a le mandat de contrôler la gestion de biens de l'association.

Il est composé d'un Président et deux autres membres.

ARTICLE 21 :

Le Secrétariat permanent assure la gestion journalière de l'association. Il est animé par le Secrétaire Permanent recruté sur base des critères fixés par le Conseil d'administration.

ARTICLE 22 :

Les recettes de l'association proviennent :

- Des cotisations annuelles versées par les membres.
- Des subventions, dons, legs et libéralités diverses.
- Des produits de la vente de ses publications.

CHAPITRE IV : DISSOLUTION - LIQUIDATION

ARTICLE 23 :

La dissolution de l'association est décidée par l'Assemblée Générale extraordinaire statuant à la majorité des 2/3 des membres effectifs. Il nomme le ou les liquidateurs. A défaut de cette nomination, la liquidation sera opérée par des liquidateurs désignés par le tribunal compétent.

session and at any time in its extraordinary session.

It has the mandate to audit the properties and the management of the association.

It is composed of the chair person and 2 members.

ARTICLE 21 :

The permanent secretariat deals with the daily management of the association's activities. It is managed by the Permanent Secretary recruited on criteria defined by the Board of Directors.

ARTICLE 22 :

The association's resources come from:

- Contributions from members;
- Donations, legacies and gifts.
- Proceeds from the activities of the Association;

CHAPTER IV : DISSOLUTION AND LIQUIDATION

ARTICLE 23 :

The dissolution of the Association shall be decided in a specially convened meeting of the General Assembly with its (2/3) of its effective members. The General Assembly meeting designates the liquidator. He can be designated by the competent court as well.

idasanzwe iterana igihe cyose bibaye ngombwa.

Komite ngenzuzi ifite ububasha bwo kugenzura umutungo n'imikorere by'ishyirahamwe.

Komite ngenzuzi igizwe n'abantu 3: Perezida n'abamambure 2.

INGINGO YA 21 :

Ubunyamabanga buhoraho bukurikirana ibikorwa bya buri muni by'ishyirahamwe. Buhagarariwe n'umunyamabanga uhoraho ushyirwaho n'Inama y'ubutegetsu.

INGINGO YA 22 :

Umutungo w'ishyirahamwe uturuka :

- Mu misanzu y'abanyamuryango ya buri mwaka ;
- Impano, imirag:e
- Ibivuye mu bushakashatsi bwakozwe n'ishyirahamwe.

IGICE CYA IV : ISESWA

INGINGO YA 23 :

Iseswa ry'ishyirahamwe ryemezwa n'inama idasanzwe y'inteko rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango nyiri zina. Inteko rusange niyo ishyiraho ushinze icyo gikorwa. Iyo bitabye bityo, ushinze icyo gikorwa ashirwaho n'urukiko rubifitiye ububasha.

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS
FINALES**

ARTICLES 24 :

Pour tout ce qui n'est pas précisé dans les présents statuts, on se référera au règlement d'ordre intérieur et aux lois en vigueur au Rwanda.

Les présents statuts ont été adoptés par l'Assemblée Constitutive réunie à Kigali, le 4 Novembre 2006 et entrent en vigueur à la même date.

Fait à Kigali, le 4 Novembre 2006

Pour le **Rwanda Men's Resource Centre,**

RUTAYISIRE Fidèle
Représentant Légal
(sé)

NZABONIMANA Venant
Représentant Légal Suppléant
(sé)

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

ARTICLES 24 :

For all provisions not provided for in the present constitution, the internal regulations, the laws and regulations governing non-profit making organizations in force in Rwanda shall apply.

This constitution comes into force the day of its approval by founding members in constituent assembly of 4th November 2006.

Done at Kigali, on 4th November 2006

For **Rwanda Men's Resource Centre,**

RUTAYISIRE Fidèle
Legal Representative
(sé)

NZABONIMANA Venant
Deputy Legal Representative
(sé)

IGICE CYA V : INGINGO ZISOZA

INGINGO YA 24 :

Ku bidateganyijwe muri iyi sitati, hazifashishwa amategeko ngengamikorere hamwe n'andi mategeko akoresha mu Rwanda.

Iyi sitati yemejwe n'inama y'inteko rusange yateraniye i Kigali ku wa 4/11/2006 kandi itangiye gushyirwa mu bikorwa kuri iyi tariki.

Bikorewe i Kigali, kuwa 4/11/ 2006

Ku bwa **Rwanda Men's Resource Centre,**

RUTAYISIRE Fidèle
Perezida
(sé)

NZABONIMANA Venant
Visi Perezida
(sé)

**ITEKA RYA MINISITIRI N°112/11 RYO
KU WA 03/09/2008 RYEMERA
IHINDURWA RY'AMATEGEKO
AGENGA "ISHYIRAHAMWE
RY'ABABYEYI RIHARANIRA GUTEZA
IMBERE UBUREZI, UMUCO
N'UBUMENYI NGIRO" (APPECSA)**

**MINISTERIAL ORDER N°112/11 OF
03/09/2008 APPROVING ALTERATIONS
MADE TO THE STATUTES OF THE
"ASSOCIATION OF PARENTS AIMED
AT EDUCATION, CULTURE, AND
SCIENCE DEVELOPMENT" (APPECSA)**

**ARRETE MINISTERIEL N°112/11
DU 03/09/2008 PORTANT
APPROBATION DES
MODIFICATIONS APPOORTEES
AUX STATUTS DE L'
"ASSOCIATION DES PARENTS
POUR LA PROMOTION DE
L'EDUCATION, LA CULTURE ET
LES SCIENCES APPLIQUEES"
(APPECSA)**

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**Ingingo ya mbere : icyemezo cyo guhindura
amategeko agenga
umuryango**

**Article One : Decision of altering the
legal statutes**

**Article premier: Décision modificative
des statuts**

**Ingingo ya 2 : Ivanywaho ry' ingingo
zinyuranyije n'iri teka**

**Article 2: Repealing of inconsistent
provisions**

Article 2: Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 3 : Igihe iteka ritangirira
gukurikizwa**

Article 3: Commencement

Article 3: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N°112/11 RYO KU WA 03/09/2008 RYEMERA IHINDURWA RY'AMATEGEKO AGENGA "ISHYIRAHAMWE RY'ABABYEYI RIHARANIRA GUTEZA IMBERE UBUREZI, UMUCO N'UBUMENYI NGIRO" (APPECSA)

MINISTERIAL ORDER N°112/11 OF 03/09/2008 APPROVING ALTERATIONS MADE TO THE STATUTES OF THE "ASSOCIATION OF PARENTS AIMED AT EDUCATION, CULTURE, AND SCIENCE DEVELOPMENT" (APPECSA)

ARRETE MINISTERIEL N°112/11 DU 03/09/2008 PORTANT APPROBATION DES MODIFICATIONS APPORTEES AUX STATUTS DE L' "ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION, LA CULTURE ET LES SCIENCES APPLIQUEES" (APPECSA)

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,

The Minister of Justice/ Attorney General,

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n'ya 121 ;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003, spécialement en ses articles 120 et 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 20/2000 ryo ku wa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 12, iya 14 n'ya 42 ;

Pursuant to Law n° 20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations especially in Articles 12, 14 and 42;

Vu la loi n° 20 /2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 12, 14 et 42 ;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 371/05 ryo ku wa 13/11/1989 riha ubuzimagatozi "ISHYIRAHAMWE RY'ABABYEYI RIHARANIRA GUTEZA IMBERE UBUREZI, UMUCO N'UBUMENYI NGIRO" (APPECSA), cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

Revised Ministerial Order n° 371/05 of 13/11/1989 granting the legal status to the "ASSOCIATION OF PARENTS AIMED AT EDUCATION, CULTURE, AND SCIENCE DEVELOPMENT" (APPECSA) , especially in Article One;

Revu l'Arrêté Ministériel n° 371/05 du 13/11/1989 accordant la personnalité civile à l' "ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION, LA CULTURE ET LES SCIENCES APPLIQUEES" (APPECSA), spécialement en son article premier ;

Abisabwe n'Umuwugizi w' "ISHYIRAHAMWE RY'ABABYEYI RIHARANIRA GUTEZA IMBERE UBUREZI, UMUCO N'UBUMENYI NGIRO" (APPECSA) mu rwandiko rwakiriwe ku wa 02/04/2002 ;

Upon request lodged by the Legal Representative of the "ASSOCIATION OF PARENTS AIMED AT EDUCATION, CULTURE, AND SCIENCE DEVELOPMENT" (APPECSA), on 02/04/2002;

Sur requête du Représentant Légal de l' "ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION, LA CULTURE ET LES SCIENCES APPLIQUEES" (APPECSA), reçue le 02/04/2002 ;

ATEGETSE :

HEREBY ORDERS

ARRETE :

Ingingo ya mbere : icyemezo cyo guhindura amategeko agenga umuryango

Article One: Decision of altering the legal statutes

Article premier : Décision modificative des statuts

Icyemezo cyafashwe n'abagize ubwiganze bw' "ISHYIRAHAMWE RY'ABABYEYI RIHARANIRA GUTEZA IMBERE UBUREZI, UMUCO N'UBUMENYI NGIRO" (APPECSA) ku wa 16/12/2001 cyo guhindura amategeko agenga uwo muryango kiremewe.

The decision of altering the legal statutes passed by the majority members of the "ASSOCIATION OF PARENTS AIMED AT EDUCATION, CULTURE, AND SCIENCE DEVELOPMENT" (APPECSA), on 16/12/2001, is hereby approved for registration.

Est approuvée la décision de la majorité des membres de l' "ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION, LA CULTURE ET LES SCIENCES APPLIQUEES" (APPECSA) prise le 16/12/2001 de modifier les statuts de ladite association.

Ingingo ya 2 : Ivanywaho ry' ingingo zinyuranyije n'iri teka.

Article 2: Repealing of inconsistent provisions.

Article 2 : Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 3 : Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Article 3: Commencement

Article 3 : Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **03/09/2008**

Kigali, on **03/09/2008**

Kigali, le **03/09/2008**

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

The Minister of Justice/ Attorney General

Le Ministre de la Justice/ Garde des
Sceaux

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
(sé)

ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF :

ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L'EDUCATION, LA CULTURE ET LES SCIENCES APPLIQUEES (APPECSA)

PREAMBULE

L'Assemblée Générale de l'Association des Parents pour la Promotion de l'Education, la Culture et les Sciences Appliquées « APPECSA » réunie à son siège social à RUCANO, en date du 15 Avril 2007 ;

Vu la loi n° 20/2000 du 26 Juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 14 et 42 ;

Adopte les modifications aux statuts de la dite association, agréée par Arrêté Ministériel n° 371/05 du 13 Novembre 1989 comme suit :

STATUTS

CHAPITRE PREMIER :

De la dénomination, du siège de l'objet et de la région d'activité.

Article premier :

Il est créé une Association sans but lucratif, sous la dénomination de l' »Association des Parents pour la Promotion de l'Education, la Culture et les Sciences Appliquées », en abrégé « APPECSA » régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la législation rwandaise spécialement la loi organique n° 1/1985 du 25 Janvier 1985 sur l'Education National et la loi n° 20/2000 du 26 Juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif.

Article 2 :

Le siège social de l'Association est établi à la Colline Rucano, Cellule Gatega, Secteur

UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU:

ISHYIRAHAMWE RY'ABABYEYI RIGAMIJE GUTEZA IMBERE UBUREZI, UMUCO N'UBUMENYI NGIRO (APPECSA)

IRIBURIRO

Inteko Rusange y'Ishyirahamwe ry'Ababyeyi rigamije Guteza imbere Uburezi, Umuco n'Ubumenyi Ngiro, mu magambo ahinnye y'igifaransa « APPECSA » iteraniye ku cyicaro cyayo i RUCANO ku wa 15 Mata 2007 ;

Imaze kubona itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14 n'iya 42 ;

Yemeje ihindurwa ry'amategeko shingiro y'iryo shyirahamwe, ryemejwe n'Iteka rya Minisitiri n° 371/05 ryo ku wa 13 Ugushingo 1989 mu buryo bukurikira :

AMATEGEKO SHINGIRO

UMUTWE WA MBERE:

Ibyerekeye izina ry'ishyirahamwe, intebe, icyo rigamije n'aho rikorerwa.

Ingingo ya mbere:

Hashinzwe umuryango udaharanira inyungu witwa « Ishyirahamwe ry'Ababyeyi rigamije Guteza imbere Uburezi, Umuco n'Ubumenyi Ngiro », mu magambo ahinnye y'igifaransa « APPECSA » rigengwa n'aya mategeko hakurikijwe ibiteganywa n'Amategeko y'u Rwanda cyane cyane Itegeko ngenga n° 1/1985 ryo kuwa 25 Mutarama 1985 ryerekeye Uburezi bw'Igihugu hamwe n'Itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu.

Ingingo ya 2:

Intebe y'Ishyirahamwe ishinzwe ku Gasozi ka Rucano, Akagari ka Gatega, Umurenge wa

Hindiro, District de NGORORERO, Province Ouest, République du Rwanda.

Cependant, si les 2/3 des membres réunis en Assemblée Générale le décident, le siège peut être transféré dans une autre localité du Pays.

Article 3 :

L'Association a pour but de contribuer à l'éducation et la formation des enfants sans distinction par l'enseignement des connaissances intellectuelles, professionnelles, civiques et morales et par la création d'écoles où seront dispensés ces enseignements.

Dans la poursuite de son objet, l'Association peut réaliser d'autres activités se rattachant directement ou indirectement à son but visé à l'alinéa premier.

Article 4 :

L'association exerce ses activités dans le District de NGORORERO, mais elle peut les étendre dans toute autre région du Pays après approbation de l'Assemblée Générale.

Article 5 :

L'Association est créée pour une durée indéterminée.

CHAPITRE II :

Des membres de l'Association

Article 6 :

Les membres de l'Association sont répartis en trois catégories à savoir :

1. Les membres fondateurs
2. Les membres adhérents
3. Les membres d'honneur

Article 7:

Sont membres fondateurs de l'Association les

Hindiro, Akarere ka NGORORERO, Intara y'Uburengerazuba muri Repubulika y'u Rwanda. Nyamara ariko iyo 2/3 by'abagize Ishyirahamwe babyemeje bateraniye mu Nteko Rusange, icyicaro cy'intebe yaryo gishobora kwimurirwa ahandi mu Gihugu.

Ingingo ya 3:

Ishyirahamwe rigamije gufatanya n'abandi mu byerekeye kurera no kwigisha abana bose nta tandukanyirizo, ribaha inyigisho zerekeye ubwenge, imyuga, ubumenyi mboneragihugu n'umuco kandi ryubaka amashuri azatangirwamo izo nyigisho.

Mu gihe ishyirahamwe riharanira gukomeza intego yaryo, rishobora gukora ibindi bikorwa bifitanye isano ya hafi cyangwa ya kure n'ibigamijwe biri mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 4:

Ishyirahamwe rikorera imirimo yaryo mu karere ka NGORORERO ariko rishobora kwimurira imirimo yaryo mu kandi karere k'Igihugu bimaze kwemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 5:

Igihe iri shyirahamwe rizamara ntigiteganijwe.

UMUTWE WA II:

Ibyerekeye abagize Ishyirahamwe

Ingingo ya 6:

Abagize Ishyirahamwe barimo ibyiciro bitatu : ari byo ibi :

1. abagize Ishyirahamwe barishinze;
2. abagize Ishyirahamwe baryinjiyemo ku bushake bwabo;
3. abagize Ishyirahamwe b'icyubahiro kandi barishyigikiye.

Ingingo ya 7:

Abagize Ishyirahamwe barishinze ni abashyize

signataires des présents statuts.

Article 8 :

Les membres adhérents sont ceux qui auront demandé d'être admis dans l'association et qui auront été agréés par l'Assemblée Générale de l'Association.

Les membres d'honneur sont toutes personnes physiques ou morales à qui l'Assemblée Générale aura décerné ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'Association.

Article 9 :

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'Association. Ils ont les mêmes droits et devoirs à l'égard de l'Association.

Article 10 :

Le nombre des membres effectifs est illimité, il ne peut toutefois être inférieur à dix.

Article 11 :

Les conditions d'admission en qualité de membre de l'Association sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur.

Article 12 :

Les membres effectifs s'engagent à soutenir l'Association et à participer loyalement à toutes ses activités. Ils assistent aux Assemblées Générales avec voix délibérative. Les membres d'honneur peuvent assister aux réunions avec voix consultative.

Article 13 :

Tout membre effectif de l'Association a le devoir de verser une cotisation annuelle dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

imikono kuri aya mategeko.

Ingingo ya 8:

Abagize Ishyirahamwe baryinjiyemo ku bushake ni abazasaba kuryinjiramo bakazemererwa n'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu ku giti cyabo cyangwa abagize ikoraniro ry'abantu bemerwa n'Inteko rusange kubera ibyiza by'akarusho kandi bizwi bakoreye Ishyirahamwe.

Ingingo ya 9:

Abashinze Ishyirahamwe kimwe n'abaryinjiyemo ku bushake bamaze kwemerwa ni bo bagize Ishyirahamwe nyakuri. Bafite uburenganzira n'ubushobozi bumwe mu bireba Ishyirahamwe.

Ingingo ya 10:

Umubare w'abagize Ishyirahamwe nyakuri urasesuye, icyakora ntushobora kujya hasi y'abantu icumi.

Ingingo ya 11:

Ibyo abazemererwa kwitwa Abagize Ishyirahamwe bagomba kuba bujuje biteganywa n'Amabwiriza mbonezamurimo.

Ingingo ya 12:

Abagize Ishyirahamwe nyakuri biyemeza kurishyigikira byimazeyo kandi bakagira uruhare mu ntego zose rigamije. Bajya mu Nteko Rusange kandi bagashobora gutora. Abahawe kuba Abagize Ishyirahamwe by'icyubahiro bashobora kujya mu Nteko Rusange, ariko bakagishwa inama gusa, ntibatore.

Ingingo ya 13:

Umunyamuryango nyakuri wese agomba gutanga umusanzu wa buri mwaka nk'uko ugenwa n'Inteko Rusange.

Article 14 :

La qualité de membre se perd :

- a) par le non versement de la cotisation pendant trois (3) années successives.
- b) par démission volontaire adressée par écrit à l'Assemblée Générale et acceptée par celle-ci.
- c) par absence non motivée à trois réunions successives de l'Assemblée Générale.
- d) par exclusion motivée prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des membres effectifs.
- e) Par décès.

Les autres conditions d'exclusion d'un membre non prévues par le présent article sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'Association.

CHAPITRE III :

Des organes de l'Association

Article 15 :

Les organes de l'Association sont :

1. L'Assemblée Générale
2. Le Comité de Direction
3. Le Conseil de Surveillance

L'Assemblée Générale peut créer des organes subsidiaires appelés Commissions Techniques (consultatifs ou représentatifs) dont le mode de fonctionnement et la composition seront déterminés par le règlement d'ordre intérieur de l'Association.

SECTION PREMIERE :

De l'Assemblée Générale

Article 16 :

L'Assemblée Générale est composée de tous les membres effectifs de l'Association. Elle

Ingingo ya 14:

Umuntu ava mu Ishyirahamwe :

- a) iyo imyaka itatu (3) ishize yikurikiranya ataratanga umusanzu kandi ntashobora kwitwaza ko atabimenyeshejwe.
- b) Iyo asezeye ku bushake bwe akabyandika Inteko Rusange nayo ikabyemera
- c) Iyo atabonetse mu nama z' Inteko Rusange inshuro eshatu zikurikiranye kandi nta mpamvu z'ukuri yagaragaje.
- d) Iyo yirukanywe hagaragajwe impamvu nyakuri kandi byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze bw'amajwi bwa 2/3 by'abari mu nama.
- e) Iyo apfuye.

Impamvu zindi zatuma uri mu Ishyirahamwe arivanwamo zidateganijwe n'iyi ngingo zizashyirwa mu mabwiriza mbonezamirimo y'Ishyirahamwe.

UMUTWE WA III:

Ibyerekeye Inzego z'Ishyirahamwe

Ingingo ya 15:

Inzego z'Ishyirahamwe ni izi :

1. Inteko Rusange
2. Komite y'Ubuyobozi
3. Inama y'Ubugenzuzi

Inteko Rusange ishobora gushyiraho inzego zungirije zitwa Komisiyo Tekiniki, (ngishwanama cyangwa abahagarariye abandi), imikorere yazo kimwe n'abazigize bizateganywa mu mabwiriza mbonezamirimo y'Ishyirahamwe.

IGICE CYA MBERE:

Ibyerekeye Inteko Rusange

Ingingo ya 16:

Inteko Rusange igizwe n'abagize Ishyirahamwe nyakuri bose. Inteko Rusange ni rwo rwego

est l'organe suprême de l'Association. Toutes les autres instances détiennent leurs pouvoirs de l'Assemblée Générale.

Article 17 :

L'Assemblée Générale tient chaque année deux sessions ordinaires en Mai et en Décembre sur convocation du président de l'Association.

Elle peut se réunir en sessions extraordinaires sur décision du Comité de Direction ou à la demande écrite exprimée par 1/3 des membres effectifs.

En cas d'absence ou d'empêchement du Président, l'Assemblée Générale ordinaire ou extraordinaire est convoquée par le Vice Président.

En cas d'absence d'empêchement ou de refus simultanés du Président et du Vice Président, l'Assemblée Générale ordinaire ou extraordinaire est convoquée par écrit par 2/3 des membres effectifs.

Par la circonstance, elle élit en son sein un Président et un Rapporteur.

Article 18 :

Les pouvoirs de l'Assemblée sont :

1. Adoption des statuts et du règlement d'ordre intérieur ;
2. Election des membres du Comité de Direction et mise à terme de leur mandat ;
3. Election des membres du Conseil de Surveillance et mettre fin à leur mandat ;
4. Approbation du budget en recettes et en dépenses.
5. Approbation des bilans et rapport de gestion et arrêt des comptes ;
6. Fixation des cotisations et des contributions des membres ainsi que les frais de scolarité et autres frais ;
7. Admission de nouveaux membres ;

rukuru rw'Ishyirahamwe. Izindi nzego zose z'Ishyirahamwe zihabwa ububasha nayo.

Ingingo ya 17:

Inteko Rusange iterana kabiri mu mwaka, mu nama zisanzwe muri Gicurasi no mu Kuboza ihamagawe na Perezida w'Ishyirahamwe.

Ishobora no guterana mu nama zidasanzwe iyo Komite y'ubuyobozi isanze ari ngombwa cyangwa iyo bisabwe mu nyandiko na 1/3 cy'abagize Ishyirahamwe.

Iyo uhagarariye Ishyirahamwe adahari cyangwa atabonetse, Inteko Rusange isanzwe cyangwa idasanzwe itumizwa n'Umusimbura we.

Iyo uhagarariye Ishyirahamwe cyangwa Umusimbura we badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange itumizwa mu nyandiko yasinnye nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango nyakuri.

Icyo gihe bitoramo Uyobora inama n'Umwanditsi.

Ingingo ya 18:

Ububasha bw'Inteko Rusange ni ubu :

1. Gushyiraho Amategeko agenga Ishyirahamwe n'amabwiriza mbonezamurimo yaryo ;
2. Gutora no kvanaho abagize komite y'Ubuyobozi ;
3. Gutora abagize Inama y'Ubugenzuzi no guhagarika imirimo yabo ;
4. Kwemeza ingengo y'imari n'ibarura ry'umutungo by'ishyirahamwe ;
5. Kugira icyo ivuga ku mikorere ya Komite y'Ubuyobozi no kwemeza imicungire y'imari ;
6. Kugena umusanzu, inkunga z'Ishyirahamwe n'amafaranga yakwa abanyeshuri kimwe n'andi yaba agomba gukoreshwa ;
7. Kwemera abinjije mu Ishyirahamwe bashya;

- | | |
|---|--|
| 8. Exclusion d'un membre ; | 8. Kwemera ko uri mu Ishyirahamwe yavanwamo; |
| 9. Modification des statuts ; | 9. Guhindura amategeko agenga Ishyirahamwe; |
| 10. Aliénation des biens de l'Association | 10. Kwemeza ko umutungo wakoreshwa mu bindi ; |
| 11. Dissolution de l'Association | 11. Kwemeza iseswa ry'Ishyirahamwe; |
| 12. Nomination des liquidateurs et définition de leur mandat ; | 12. Gushyiraho abashinzwe iseswa ry'Ishyirahamwe no kugena igihe umurimo wabo umara; |
| 13. Affectation des biens après liquidation ; | 13. Kwemeza icyo umutungo wakoreshwa nyuma y'iseswa ry'Ishyirahamwe; |
| 14. Approbation des dons, legs destinés à soutenir les œuvres de l'Association. | 14. Kwemeza imfashanyo n'imirage bigenewe gushyigikira ibikorwa by'Ishyirahamwe. |

Article 19 :

Les sessions de l'Assemblée Générale se tiennent aux endroits, jour et heure indiqués dans la convocation.

Les convocation comprenant l'ordre du jour sont adressées aux membres 15 jours au moins avant la réunion de l'Assemblée Générale.

L'ordre du jour est établi par le Président de l'Assemblée Générale.

Cependant, le Président est tenu d'y ajouter tout autre point admis par la majorité simple des membres présents.

L'ordre du jour du mois de Décembre comprend obligatoirement la présentation du rapport d'activités du Comité de Direction, du bilan de l'exercice écoulé, des prévisions budgétaires ainsi que le rapport de contrôle du Conseil de Surveillance.

Article 20 :

Pour les sessions extraordinaires, le délai de convocation peut être réduit à huit jours. Les discussions ne peuvent alors porter que sur les questions inscrites à l'ordre du jour.

Article 21 :

L'Assemblée Générale se réunit valablement lorsque les 2/3 des membres effectifs sont

Ingingo ya 19:

Inama z'Inteko Rusange zibera ahantu no ku muni n'isaha biri mu rupapuro ruzihamagara.

Inama rusange itumizwa nibura hasigaye iminsi 15 ngo iterane kandi urwandiko ruyitumira rugomba kwerekana ibizasuzumwa.

Ibizasuzumwa bitegurwa na Perezida w'Ishyirahamwe.

Nyamara ariko Umuyobozi w'Inama agomba kongera ku murongo w'ibygwa ikibazo cyose cyemejwe na benshi baje mu nama.

Kubyigwa by'Inteko Rusange yo mu Kuboza hagomba kubamo raporo y'ibyakozwe byose na Komite y'Ubuyobozi, uko amafaranga yakorashejwe, iteganywa ry'ibizakoreshwa na raporo y'Inama y'Ubugenzuzi.

Ingingo ya 20:

Igihe cyo gutumira Inama Rusange gishobora gushyirwa ku minsi munani iyo ari inama zidasanzwe. Ubwo rero impaka zigibwa gusa ku byateganijwe ku rupapuro ruhamagaza inama.

Ingingo ya 21:

Inama y'Inteko Rusange iterana gusa ku buryo bwemewe icyo hari 2/3 by'abagize Ishyirahamwe

présents. Toutefois, lorsque le quorum n'est pas atteint, la tenue de l'Assemblée Générale est ajournée et le Président (ou son remplaçant) est chargé de convoquer dans les 15 jours une nouvelle Assemblée Générale appelée à délibérer sur l'ordre du jour préétabli.

Cette nouvelle Assemblée statue valablement quel que soit le nombre des membres présents.

Article 22 :

Les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité simple des membres présents sauf les cas prévus expressément par les présents statuts.

En cas de parité des voix, on procède à un nouveau vote. Au troisième vote, la voix du Président est prépondérante.

Article 23 :

Les procès-verbaux de l'Assemblée Générale sont signés conjointement par le Président et le Secrétaire.

Article 24 :

Sans préjudice aux dispositions prévues à l'article 21 des présents statuts, les décisions relatives à l'aliénation du patrimoine, et à la dissolution de l'Association sont prises à la majorité des 2/3 des membres réunis en Assemblée Générale.

Article 25 :

L'Assemblée Générale peut inviter à ses sessions et à titre consultatif toute personne pouvant contribuer à la réalisation des objectifs de l'Assemblée.

SECTION II :

Du comité de Direction

Article 26 :

L'Association est administrée par un Comité de Direction élu par l'Assemblée Générale à

nyakuri. Iyo abagize Ishyirahamwe nyakuri batageze ku mubare wemewe, Inama Rusange yigizwayo, hanyuma Perezida wayo (cyangwa Umwungirije) agategekwa gutumiza indi nama mu gihe cy'iminsi 15 ngo yige ku bibazo byigwa icyo gihe ni ibyari bisanzwe byarateganijwe icyo gihe.

Icyo gihe Inteko Rusange iterana batitaye ku mubare wa ngombwa.

Ingingo 22:

Ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi y'abahari, uretse ubundi buryo buteganijwe mu zindi ngingo z'aya mategeko. Iyo amajwi anganye, barongeraga bagatora ku nshuro ya gatatu banganya, igice kirimo (gihereyemo) Umuyobozi w'Inama nicyo kiganza.

Ingingo ya 23:

Inyandikomvugo z'inama z'Inteko Rusange zishyirwaho umukono n'Umuyobozi wayo hamwe n'Umunyamabanga.

Ingingo ya 24:

Bitanyuraniye n'ibiteganywa n'Ingingo ya 21 y'aya mategeko, ibyemezo byerekeranye no gutubya umutungo cyangwa gusesa Ishyirahamwe, bikorwa mu bwiganze bwa 2/3 by'abateraniye mu Nteko Rusange.

Ingingo ya 25:

Inteko Rusange ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona wayifasha kugera ku ntego z'Ishyirahamwe.

IGICE YA II:

Ibyerekeye komite y'Ubuyobozi.

Ingingo ya 26:

Ishyirahamwe riyoborwa na Komite y'Ubuyobozi yatowe n'Inteko Rusange mu

la majorité des membres effectifs pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable. Les modalités d'élection des membres du Comité de Direction et les attributions de chacun d'eux sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur.

L'élection du nouveau Comité a lieu au moins un mois avant l'expiration du mandat de l'ancien (Comité sortant).

Article 27 :

Le Comité de Direction est composé de :

- un Président ;
- un Vice-président ;
- un Secrétaire ;
- un Trésorier ;
- les Conseillers

Article 28:

Le Président du Comité de Direction est le Représentant Légal de l'Association et est d'office Président de l'Assemblée Générale. Le Vice-président et le Secrétaire en sont les Représentants Légaux Suppléants.

Article 29 :

Le Comité de Direction se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin sur convocation de son Président. Le quorum requis pour ses réunions est de 2/3 des ses membres comprenant obligatoirement le Président ou le Vice-président. Les décisions sont prises à la majorité simple des voix.

Article 30 :

Le Président du Comité de Direction coordonne les activités de l'Association, convoque les réunions et dirige les débats.

Le Vice-président assiste le Président et le remplace en cas d'absence ou d'empêchement. En cas d'absence, d'empêchement ou de refus simultanés du Représentant Légal de l'Association et de son Suppléant, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par 2/3 de membres

bwiganze bw'amajwi y'abagize Ishyirahamwe. Batorerwa imyaka ine (4) kandi bashobora kongezwa. Uko abagize Komite y'Ubuyobozi batorwa n'imirimo ya buri wese muri bo bisobanurwa n'amabwiriza mbonezamurimo.

Itorwa rya Komite y'Ubuyobozi nshya riba hasigaye nibura ukwezi ngo Komite y'Ubuyobozi yariho icyure igihe.

Ingingo ya 27:

Komite y'Ubuyobozi igizwe n'aba bakurikira :

- Perezida;
- Visi-Perezida;
- Umunyamabanga ;
- Umubitsi ;
- Abajyanama.

Ingingo ya 28:

Perezida wa Komite y'Ubuyobozi niwe uhagarariye Ishyirahamwe imbere y'amategeko, bityo rero akaba ariwe Muyobozi w'Inteko Rusange. Visi-Perezida wungirije hamwe n'Umunyamabanga nibo basimbura be mu guhagararira Ishyirahamwe imbere y'amategeko.

Ingingo ya 29:

Komite y'Ubuyobozi ikora inama rimwe mu gihembwe n'igihe cyose isanze ari ngombwa, ihamagawe na Perezida wayo. Kugira ngo inama za Komite y'Ubuyobozi zireme, hagomba 2/3 by'agayigize barimo byanze bikunze Perezida wayo cyangwa umwungirije.

Ibyemezo bya Komite y'Ubuyobozi bifatwa mu bwiganze bw'amajwi.

Ingingo ya 30:

Perezida wa Komite y'Ubuyobozi ahuza ibikorwa by'Ishyirahamwe, atumira inama kandi akayiyobora. Visi Perezida yunganira Perezida kandi akamusimbura mu gihe adahari cyangwa adashobora kuboneka.

Iyo Uhagarariye Ishyirahamwe cyangwa Umusimbura we badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa mu nyandiko isinyweho nibira na 2/3 by'abanyamuryango nyakuri. icyo gihe bitoramo

effectifs. Par la circonstance, elle élit en son sein un Président et un Rapporteur.

Le Secrétaire envoie les convocations sur demande du Président, rédige les comptes rendus et les signes et présente les rapports des réunions.

Le Trésorier assure la collecte des recettes et cotisations, en assure la gestion conformément aux décisions de l'Assemblée Générale. Il en présente la situation à l'Assemblée Générale.

Les Conseillers ont pour mission de rechercher tout ce qui pourrait promouvoir les intérêts de l'Association dans les domaines de leurs compétences respectives.

Article 31 :

Le Comité de Direction veille à la bonne marche de l'Association et gère son patrimoine. Il a compétence pour tous les actes d'administration et de dispositions sauf ceux que les présents statuts attribuent expressément à l'Assemblée Générale.

Les attributions du Comité de Direction sont notamment :

1. exécution des décisions de l'Assemblée Générale ;
2. gestion du Patrimoine de l'Association ;
3. préparation des sessions ordinaires de l'Assemblée ;
4. proposition des modifications aux statuts de l'Association ;
5. élaboration et application du règlement d'ordre intérieur ;
6. soumettre à l'Assemblée Générale les projets de budgets et rapports de gestion ;
7. assurer la mise en place du personnel administratif et technique de l'Association ;
8. assurer les fonctions de maître

Uyobora inama n'Umwanditsi.

Umunyamabanga yohereza impapuro zitumira inama abitegetswe na Perezida, yandika inyandikomvugo y'Inama akazishyiraho umukono we kandi agatanga raporo. Ni we ushinzwe kubika inyandiko zose z'Ishyirahamwe.

Umubitsi ashinzwe kwakira umutungo winjiye n'imisanzu kandi akawukoresha akurikije amabwiriza y'Inteko Rusange. Yereka Inteko Rusange uko yawukoresheje.

Abajyanama bashinzwe kureba icyateza imbere Ishyirahamwe mu byo buri wese ashinzwe.

Ingingo ya 31:

Komite y'Ubuyobozi ifite ububasha bwose bwo kuyobora Ishyirahamwe no gukoresha ibyo ritunze uretse ibyo aya mategeko yeguriye Inteko Rusange.

Ibyo Komite y'Ubuyobozi ishinzwe iby'ingenzi ni ibi bikurikira :

1. kubahiriza ibyemezo by'Inteko Rusange ;
2. gucunga umutungo w'Ishyirahamwe ;
3. gutegura inama z'Inteko Rusange mu bihembwe byayo bisanzwe ;
4. gusaba Inteko Rusange ngo igire ibyo ihindura mu mategeko agenga Ishyirahamwe ;
5. gutegura no kubahiriza amabwiriza mbonezamurimo y'Ishyirahamwe ;
6. gusaba Inteko Rusange kwiga imishinga y'ingengo y'imari y'umutungo w'Ishyirahamwe no kuyereka uko yayikoresheje ;
7. kwita ku ishyirwaho ry'abakozi b'Ishyirahamwe ;
8. guhagararira Ishyirahamwe mu

- d'œuvre pour le compte de l'Association ;
9. élaboration, pour approbation par l'Assemblée Générale, des projets des grilles horaires et programmes ;
 10. proposer à l'Assemblée Générale, pour approbation, les membres des organes subsidiaires prévus à l'article 15 des présents statuts.

Article 32 :

Les membres du Comité de Direction répondent solidairement envers l'Association de l'exécution de leur mandat collectif. Personne n'est autorisé à prendre un engagement au nom de l'Association pour ses affaires personnelles.

Toutefois, chacun est responsable de l'exécution du mandat pour lequel il a été élu.

Article 33 :

Les copies ou extraits des statuts ou autres actes d'un organe de l'Association à produire en justice ou à toutes autres fins, sont signés pour conformité par les représentants Légaux après consultation du Comité de Direction.

Article 34 :

Le règlement d'ordre intérieur complétera et précisera les dispositions contenues dans la présente section.

SECTION III :

Du Conseil de Surveillance

Article 35 :

L'Assemblée Générale désigne, chaque fois les deux (2) ans, un Conseil de Surveillance composé d'au moins trois (3) membres effectifs de l'Association chargés d'assurer la surveillance des activités de l'Association.

Les membres du Conseil de Surveillance sont

birikorerwa byose ;

9. gutegura umushinga ndangamasomo na gahunda y'ibizakorwa ikabishyikiriza Inteko Rusange ngo ibyemeze;
10. gusaba ko Inteko Rusange isuzuma abagize inzego zungirije kandi ikabemera nk'uko biteganywa mu ngingo ya 15 y'aya mategeko.

Ingingo ya 32:

Abagize Komite y'Ubuyobozi bose babazwa kimwe ku byerekeye irangiza ry'umurimo bashinzwe mu Ishyirahamwe. Nta n'umwe ugomba kwitwaza izina ry'Ishyirahamwe cyangwa ububasha burishingiyeho ku byerekeye inyungu ze bwite.

Nyamara buri wese abazwa ku giti cye ibyerekeye umurimo yatorewe.

Ingingo ya 33:

Inyandukuro zirambuye cyangwa zihinye z'amategeko cyangwa z'inyandiko zindi z'inzego z'Ishyirahamwe zigenewe kwerekanwa mu bucamanza cyangwa ahandi, zishyirwaho umukono uhamya ukuri kwazo, n'abahagarariye Ishyirahamwe imbere y'amategeko, bamaze kumva icyo Komite y'Ubuyobozi ibivugaho.

Ingingo ya 34:

Amabwiriza mbonezamurimo azuzura anasobanure amategeko akubiye muri iki gice.

UMUTWE WA III:

Ibyerekeye inama y'Ubugenzuzi

Ingingo ya 35:

Buri myaka ibiri (2) Inteko Rusange ishyiraho inama y'Ubugenzuzi igizwe nibura n'abantu batatu (3) bagize Ishyirahamwe.

Abagize Inama y'Ubugenzuzi bashobora

rééligibles. Ils sont choisis selon leur capacité intellectuelle et technique et attachement à l'Association.

Article 36 :

Les membres du Conseil de Surveillance s'acquittent bénévolement de leur tâche et agissent collégalement.

Article 37 :

Le Conseil de Surveillance a mandat de vérifier, sans les déplacer, les livres, la caisse, les inventaires et les bilans, ainsi que l'exactitude des écritures comptables de l'Association. Il peut, à tout moment, opérer des vérifications ou contrôles qu'il juge opportuns sans toutefois s'immiscer dans la gestion journalière de l'Association. Il a également le mandat de vérifier si les décisions de l'Assemblée Générale ont été exécutées et veiller à ce que les statuts et le règlement d'ordre intérieur soient observés. Le Conseil de Surveillance en fait un rapport à l'Assemblée Générale.

Article 38 :

Le règlement d'ordre intérieur prévoit les autres règles de fonctionnement du Conseil de Surveillance.

CHAPITRE IV :

Du patrimoine de l'Association

Article 39 :

Le Patrimoine de l'Association est constitué par :

- a) les cotisations de ses membres ;
- b) le produit des activités génératrices de revenus de l'Association ;
- c) les dons, legs et subventions reçus.

Article 40 :

L'Association peut en outre posséder, soit en jouissance, soit en propriété, tous les biens meubles et immeubles nécessaires à la

kongera gutorwa. Bashyirwaho hakurikijwe ubushobozi bwabo mu bwenge no mu bumenyi kimwe n'ubwitange bafitiye Ishyirahamwe.

Ingingo ya 36:

Abagize inama y'Ubugenzuzi bakorera Ishyirahamwe nta gihembo bategereje kandi bakorera hamwe.

Ingingo ya 37:

Inama y'Ubugenzuzi ishinze kugenzura ariko itabikuye aho biri, ibitabo n'isanduku by'Ishyirahamwe, kugenzura ibarura n'ifoto by'umutungo no kureba niba imibaruro y'umutungo ariyo.

Ishobora gusuzuma buri gihe ibyo ibona ko ari ngombwa ariko ikirinda kwivanga mu micungire y'umutungo ya buri muni.

Inama y'Ubugenzuzi ishinze kandi gusuzuma no kugenzura niba ibyemezo byafashwe n'Inteko Rusange byarubahirijwe, ikanareba niba amategeko yose agenga Ishyirahamwe akurikizwa uko ateye. Inama y'Ubugenzuzi ibikorera raporo ishyikirizwa Inteko Rusange.

Ingingo ya 38:

Amabwiriza mbonezamu ateganya amategeko yandi agenga imikorere y'inama y'Ubugenzuzi

UMUTWE WA IV:

Ibyerekeye umutungo w'Ishyirahamwe

Ingingo ya 39:

Umutungo w'Ishyirahamwe ukomoka kuri ibi bikurikira :

- a) imisanzu y'abagize Ishyirahamwe;
- b) Umusaruro uva mu bikorwa byunguka by'Ishyirahamwe;
- c) impano, indagano kimwe n'imfashanyo byahawe Ishyirahamwe.

Ingingo ya 40:

Ishyirahamwe rishobora kandi gutunga ibintu by'indagizo cyangwa by'umwihariko byaba ibyimukanwa, byaba ibitimukanwa kugira ngo

réalisation de son objet.

Article 41 :

L'Association affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet.

Article 42 :

Toutes les recettes de l'Association dont question à l'article 39 des présents statuts sont perçues par le Trésorier qui en délivre quittance.

Article 43 :

En aucun cas, l'application des dispositions du présent chapitre ne peut porter préjudice à celle de la loi du 26 Juillet 2000 relative aux associations sans but lucratif (A.S.B.L).

CHAPITRE V :

De la modification des statuts et de la dissolution de l'Association.

Article 44 :

Les présents statuts peuvent être modifiées par l'Assemblée Générale convoquée à cet effet par son Président sur approbation de la majorité absolue des membres effectifs.

Article 45 :

L'Assemblée Générale réunie en session extraordinaire peut, à la majorité des 2/3 prononcer la modification ou la dissolution de l'Association.

Article 46 :

Pour la liquidation, après réalisation des biens meubles et immeubles et purement du passif, le patrimoine de l'Association es affecté à une autre association poursuivant les mêmes objectifs. La décision est prise dans les mêmes conditions que celles de l'article

rigere ku ntego yaryo.

Ingingo ya 41:

Ishyirahamwe rigenera umutungo waryo, imirimo yose ituma rigera ku ntego yaryo.

Ingingo ya 42:

Umutungo wose w'Ishyirahamwe uvugwa mu ngingo ya 39 y'aya mategeko, wakirwa kandi ukabikwa n'umubitsi amaze kubitangira icyemezo cyabigenewe (quittance).

Ingingo ya 43:

Imikurikirize y'amategeko ateganywa muri uyu mutwe, ntishobora na rimwe kunyuranya n'ibiteganywa mu Itegeko ryo kuwa 26 Nyakanga 2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu.

UMUTWE WA V:

Ibyerekeye guhindura amategeko n'iseswa ry'Ishyirahamwe.

Ingingo ya 44:

Aya mategeko ashobora guhindurwa n'Inteko Rusange yahamagawe na Perezida wayo kubera iyo mpamvu kandi bikemezwa n'ubwiganze busesuye bw'abanyamuryango nyakuri.

Ingingo ya 45:

Inteko Rusange iteraniye mu nama idasanzwe ishobora kwemeza ihindurwa cyangwa iseswa ry'Ishyirahamwe hakurikijwe ubwiganze bwa 2/3 by'abayigize.

Ingingo ya 46:

Mu gihe Ishyirahamwe risheshwe hamaze kubarurwa agaciro k'umutungo waryo n'ak'ibintu byimukanwa no kwishyura imyenda, umutungo w'Ishyirahamwe usigaye uhabwa irindi shyirahamwe rifite amatwara amwe. Icyo cyemezo gifatwa mu buryo bumaze

précédent.

Article 47 :

La liquidation s'opère par les soins des liquidateurs désignés par l'Assemblée Générale à la majorité des 2/3 des membres effectifs de l'Association.

La nomination des liquidateurs met fin aux mandats des Représentants légaux, des membres du Comité de Direction et du Conseil de Surveillance.

CHAPITRE VI :

Des dispositions Finales

Article 48 :

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur de l'Association.

Article 49 :

Les présents statuts sont approuvés, modifiés et adoptés par les membres effectifs de l'association dont la liste est en annexe.

Rucano, le 15 Avril 2007

kuvugwa mu ngingo ibanza.

Ingingo ya 47:

Iyegeranywa n'Igabagabanya ry'umutungo w'Ishyirahamwe bikorwa n'abashinzwe uwo murimo bashyirwaho n'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe mu bwiganze bw'amajwi angana na 2/3 by'abagize Ishyirahamwe.

Ishyirwaho ry'abashinzwe iseswa n'igabanya ry'umutungo w'Ishyirahamwe rituma Abahagarariye Ishyirahamwe imbere y'amategeko, abagize Komite y'Ubuyobozi kimwe n'abagize Inama y'Ubugenzuzi bacyura(barangiza) igihe cyabo.

UMUTWE WA VI:

Ibyerekeye amategeko asoza.

Ingingo ya 48:

Uburyo aya mategeko agomba gukurikiza kimwe n'ibindi bidateganijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza mbonezamurimo y'Ishyirahamwe.

Ingingo ya 49:

Aya mategeko yemejwe, avuguruwe kandi ashirwaho umukono n'abanyamuryango nyakuri bari ku rutonde rw'amazina rwometse kuri aya mategeko.

Rucano, ku wa 15 Mata 2007

ITEKA RYA MINISITIRI N°113/11 RYO KUWA 03/09/2008 RYEMEZA ABAVUGIZI B’ “ISHYIRAHAMWE RY’ABABYEYI RIHARANIRA GUTEZA IMBERE UBUREZI, UMUCO N’UBUMENYI NGIRO” (APPECSA)

MINISTERIAL ORDER N°113/11 OF 03/09/2008 APPROVING THE LEGAL REPRESENTATIVES OF THE “ASSOCIATION OF PARENTS AIMED AT EDUCATION, CULTURE AND SCIENCE DEVELOPMENT” (APPECSA)

ARRETE MINISTERIEL N°113/11 DU 03/09/2008 PORTANT AGREMENT DES REPRESENTANTS LEGAUX DE L’“ASSOCIATION DES PARENTS POUR LA PROMOTION DE L’EDUCATION, LA CULTURE ET LES SCIENCES APPLIQUEES” (APPECSA)

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere : Abavugizi b’umuryango

Article One : The Legal Representatives

Article premier: Les Représentants Légaux

Ingingo ya 2 : Ivanywaho ry’ ingingo zinyuranyije n’iri teka.

Article 2: Repealing of inconsistent provisions.

Article 2: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 3 : Igihe iteka ritangirira gukurikizwa

Article 3: Commencement

